

<p><b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUREZI N° 003/MINEDUC/2020 YO KU WA 9 NYAKANGA 2020 AGENGA IBYEREKEYE UBUJURIRE MU BIYANYE NO GUSHAKA NO GUSHYIRA ABARIMU MU KAZI</b></p>	<p><b>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 003/MINEDUC/2020 OF 9 JULY 2020 REGULATING APPEAL RELATED TO THE RECRUITMENT AND APPOINTMENT OF TEACHERS</b></p>	<p><b>INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N° 003/MINEDUC/2020 DU 9 JUILLET 2020 REGISSANT LE RECOURS EN MATIÈRE DE RECRUTEMENT ET D'AFFECTATION DES ENSEIGNANTS</b></p>
<p><b>ISHAKIRO</b></p>	<p><b>TABLE OF CONTENTS</b></p>	<p><b>TABLE DES MATIERES</b></p>
<p><b>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</b></p>	<p><b>Article One: Purpose of these instructions</b></p>	<p><b>Article premier: Objet des présentes instructions</b></p>
<p><b>Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza</b></p>	<p><b>Article 2: Scope</b></p>	<p><b>Article 2: Champ d'application</b></p>
<p><b>Ingingo ya 3: Uburenganzira bwo kujurira</b></p>	<p><b>Article 3: Right to appeal</b></p>	<p><b>Article 3: Droit de recours</b></p>
<p><b>Ingingo ya 4: Uburyo bwo kujurira</b></p>	<p><b>Article 4: Modalities of appeal</b></p>	<p><b>Article 4: Modalités de recours</b></p>
<p><b>Ingingo ya 5: Igihe cyo kujurira hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga</b></p>	<p><b>Article 5: Period for appeal through electronic appeal system</b></p>	<p><b>Article 5: Période pour le recours des enseignants à travers le système électronique</b></p>
<p><b>Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</b></p>	<p><b>Article 6: Repealing provision</b></p>	<p><b>Article 6: Disposition abrogatoire</b></p>
<p><b>Ingingo ya 7: Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b>Article 7: Commencement</b></p>	<p><b>Article 7: Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUREZI N° 003/MINEDUC/2020 YO KU WA 9 NYAKANGA 2020 AGENGA IBYEREKEYE UBURURIRE MU BIJYANYE NO GUSHAKA NO GUSHYIRA ABARIMU MU KAZI</b></p> <p><b>Minisitiri w'Uburezi;</b></p> <p>Ashingiye ku Iteka rya Perezida No 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingingiro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 143;</p> <p><b>ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:</b></p> <p><b>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije</b></p> <p>Aya mabwiriza akena ibyerekeye ubururire mu bijyanye no gushaka no gushyira abarimu mu kazi.</p>	<p><b>MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 003/MINEDUC/2020 OF 9 JULY 2020 REGULATING APPEAL RELATED TO RECRUITMENT AND APPOINTMENT OF TEACHERS</b></p> <p><b>The Minister of Education;</b></p> <p>Pursuant to Presidential Order No 064/01 of 16/03/2020 establishing special statutes governing teachers in nursery, primary, secondary and technical and vocational schools, especially in Article 143;</p> <p><b>ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:</b></p> <p><b>Article One: Purpose of these instructions</b></p> <p>These instructions regulate appeal of teacher in recruitment and appointment matters.</p>	<p><b>INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N° 003/MINEDUC/2020 DU 9 JUILLET 2020 REGISSANT LE RECOURS EN MATIÈRE DE RECRUTEMENT ET D'AFFECTATION DES ENSEIGNANTS</b></p> <p><b>Le Ministre de l'Éducation;</b></p> <p>Vu l'Arrêté Présidentiel No 064/01 du 16/03/2020 portant statut particulier des enseignants des écoles maternelles, primaires, secondaires et techniques et professionnelles, spécialement en son article 143;</p> <p><b>EMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:</b></p> <p><b>Article premier: Objet des présentes instructions</b></p> <p>Les présentes instructions déterminent les modalités de recours des enseignants en matière de recrutement et d'affectation.</p>
--	---	---

<p><b>Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza</b></p> <p>Aya mabwiriza areba abakandida ku myanya y'ubwarimu mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingingiro atari ku rwego rw'amashuri makuru, ya Leta n'ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano.</p>	<p><b>Article 2: Scope</b></p> <p>These instructions concern candidates at the post of teacher in public and government subsidised nursery, primary, secondary and technical and vocational schools at levels lower than higher education.</p>	<p><b>Article 2: Champ d'application</b></p> <p>Les présentes instructions concernent les candidats au poste d'enseignant dans les écoles publiques et conventionnées maternelles, primaires, secondaires et techniques et professionnelles de niveau inférieur à l'enseignement supérieur.</p>
<p><b>Ingingo ya 3: Uburenganzira bwo kujurira</b></p> <p>Ku rwego urwo ari rwo rwose mu byerekeranye no gushaka no gushyira abarimu mu kazi, umwarimu ubona ko icyemezo yafatiwe kitamunyuze afite uburenganzira bwo kujurira.</p>	<p><b>Article 3: Right to appeal</b></p> <p>At any stage of the recruitment and appointment process, a teacher who considers that a decision taken against him or her is not satisfactory has a right to appeal.</p>	<p><b>Article 3: Droit de recours</b></p> <p>A n'importe quelle étape de la procédure de recrutement et d'affectation des enseignants, un enseignant qui estime qu'une décision prise à son encontre n'est pas justifiée, a le droit de faire recours.</p>
<p><b>Ingingo ya 4: Uburyo bwo kujurira</b></p> <p>Umukandida ku kazi k'ubwarimu ashobora kujuririra icyemezo cyamufatiwe mu gihe cyo gutoranya no gutangaza urutonde rw'abemerewe gukora ikizamini, mu gihe cyo gukosora no gutangaza amanota no mu gihe cyo guhabwa akazi k'ubwarimu.</p>	<p><b>Article 4: Modalities of appeal</b></p> <p>A candidate to the teacher position may appeal against a decision made during the shortlisting and publication of the list of candidates, the examination and publication of results as well as the appointment to the teacher position.</p>	<p><b>Article 4: Modalités de recours</b></p> <p>Le candidat au poste d'enseignant peut introduire un recours contre une décision prise en son encontre au moment de la présélection et de la publication de la liste des candidats, au moment de la correction des examens et de la publication des résultats ainsi</p>

<p>Ku rwego rwa mbere, umukandida akoresheje uburyo bw'ikorabuhanga ajuririra ikigo gishamikiye kuri Minisiteri y'Uburezi cyateguye ikizamini, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uherye ku muni w'igikorwa cyangwa icyemezo ajuririra.</p> <p>Ubujurire butangwa hakoreshejwe inzira y'ikorabuhanga mu itumanaho mu gushaka Abakozi.</p> <p>Iyo bigaragaye ko hakozwe ikosa mu guteranya amanota, bikosorwa ako kanya n'urwego rwakoresheje ikizamini.</p> <p>Iyo ikosa ryakozwe rishingiye ku mikosorere, Ikigo gishamikiye kuri Minisiteri y'Uburezi cyateguye ikizamini gisuzuma imikosorere y'ikizamini n'itangwa ry'amanota. Iyo isesengura ryerekanye ko ubujurire bufite ishingiro ikosa rihita rikosorwa.</p>	<p>At the first degree, the candidate using e-recruitment system, appeals to the the examining institution affiliated to the Ministry of Education within a period not exceeding three (3) working days starting from the date of the act or the decision he/she is appealing against.</p> <p>The appeal is made through e-recruitment process.</p> <p>If it is evident that there is an error in the addition of marks, a correction is immediately made by examination body.</p> <p>If it is an error in the marking procedure, the examining affiliated agency to the Ministry of Education reviews the claim. If the claim is found relevant, the error is immediately fixed.</p>	<p>qu'au moment de l'affectation au poste d'enseignant.</p> <p>Au premier degré, le candidat introduit, par le biais du système de recrutement en ligne, son recours à l'institution affiliée au Ministère de l'Education ayant donné l'examen dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables à partir du jour de l'acte ou de la décision qu'il attaque.</p> <p>Le recours se fait à travers le système de recrutement en ligne électronique.</p> <p>S'il est constaté une erreur dans l'addition des points, une correction en est faite immédiatement par l'institution ayant administré l'examen.</p> <p>En cas d'une erreur en rapport avec la correction, l'institution affiliée au Ministère de l'Education ayant donné l'examen analyse la plainte. Si la plainte est trouvée fondée, la note est révisée immédiatement.</p>
--	---	--

<p>Ikigo gishamikiye kuri Minisiteri y'Uburezi cyatanze ikizamini gitanga igisubizo ku bujurire mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uherye ku munsu ubujurire bwakiriweho.</p> <p>Iyo umukandida atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe, ajurira ku rwego rwa kabiri muri Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi uherye itariki yaboneyeho igisubizo cy'ikigo gishamikiye kuri Minisiteri y'Uburezi.</p> <p><b>Ingingo ya 5: Igihe cyo kujurira hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga</b></p> <p>Mu gihe kujurira kw'abarimu hakoreshejwe urubuga rw'ikoranabuhanga bitaratungana, abarimu bajurira bakoresheje amabaruwa yanditse asanzwe.</p>	<p>The examining affiliated institution to the Ministry of Education gives a response within three (3) working days from the date of reception of the appeal.</p> <p>If a candidate is not satisfied with the decision made, he/she appeals on the second degree to the Public Service Commission within two (2) working days from the date of receipt of the response from the affiliated institution to the Ministry of Education.</p> <p><b>Article 5: Period for appeal through electronic appeal system</b></p> <p>While the appeal of teachers through the electronic system has not yet been put in place, teachers will appeal by hard copy letters.</p>	<p>L'institution affiliée au Ministère de l'Education ayant donné l'examen répond aux recours endéans trois (3) jours ouvrables à partir du jour de la réception du recours.</p> <p>Lorsque le candidat n'est pas satisfait de la décision prise, il fait au second degré recours auprès de la Commission de la Fonction Publique endéans deux (2) jours ouvrables à compter du jour de réception de la réponse par le l'institution affiliée au Ministère de l'Education.</p> <p><b>Article 5: Période pour le recours des enseignants à travers le système électronique</b></p> <p>Pendant que le recours des enseignants par le biais du système électronique n'est pas encore en place, les enseignants pourront faire recours par usage des lettres imprimées ordinaires.</p>
---	--	--

<p><b>Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza</b></p> <p>Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.</p> <p><b>Ingingo ya 7: Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa</b></p> <p>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni ashyiriweho umukono.</p> <p>Kigali, ku wa 9 Nyakanga 2020</p> <p><b>Dr. Valentine UWAMARIYA</b> Minisitiri w'Uburezi</p>	<p><b>Article 6: Repealing provision</b></p> <p>All prior instructions contrary to these instructions are hereby repealed.</p> <p><b>Article 7: Commencement</b></p> <p>These instructions shall come into force on the date of their signature.</p> <p>Kigali on July 9, 2020</p> <p><b>Dr. Valentine UWAMARIYA</b> Minister of Education</p>	<p><b>Article 6: Disposition abrogatoire</b></p> <p>Toutes les instructions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.</p> <p><b>Article 7: Entrée en vigueur</b></p> <p>Les présentes instructions entrent en vigueur le jour de leur signature.</p> <p>Kigali, le 9 Juillet 2020</p> <p><b>Dr. Valentine UWAMARIYA</b> Ministre de l'Education</p>
---	--	--